Rwanda Association of Local Government Authorities

Ref……06……./23/L.N/c.r

Kigali, ku wa 11 Mutarama 2023

**Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa**
**Akarere ka Karongi**
**Intara y' Uburengerazuba**

Bwana Muyobozi,

**Impamvu: Gukoresha ibizamini mu buryo bwo kwandika**

Dushingiye ku ibaruwa yanyu nº 68ES/03/0301 yo ku wa 09/01/2023 mwandikiye RALGA muyisaba kuza kubakoreshereza ibizamini mu buryo bwo kwandika ku myanya inyuranye ;

Turabamenyesha ko RALGA izaza gukoresha ibyo bizamini kuva ku wa 16 kugeza ku wa 20 Mutarama 2023 nk'uko mwabyifuje;

Murasabwa gutegura aho ibizamini bizakorerwa hujuje ibisabwa ndetse mukubahiriza amabwiriza ya Minisiteri y'ubuzima ajyanye no kwirinda icyorezo cya Covid-19.

Turabasaba kandi gutegura ibyumba bizakorerwamo ibyo bizamini no kumenyekanisha aho biherereye. Ibyo byumba bigomba kuba bifite mudasobwa zihagije na internet yihuta kandi bikora neza.

Mu rwego rwo gushimangira ubunyamwuga mu mikorere y'ibizamini turabasaba kumenyesha abakandida ko telefoni zigendanwa bitemewe kuzinjirana ahakorerwa ibizamini.

Tubashimiye uburyo mubyakiriye.

RWANDA ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES
Ralga
P.O.Box 7249
Kigali
Tel.0788387864

**Ladislas NGENDAHIMANA**
**Umunyamabanga Mukuru wa RALGA**

**Bimenyeshejwe:**

- ✓ Guverineri w'Intara y'**Uburengerazuba / Karongi**
- ✓ Umuyobozi w'Akarere ka **Karongi**
- ✓ Umunyamabanga Mukuru Wungirije wa RALGA/**Kigali**